**Inkingi**
**Forces Démocratiques Unifiées**
**United Democratic Forces**

**☎++250 078583600 🖃 Fdu.inkingi.rwa@gmail.com**
**www.fdu-udf.org www.victoire2010.com**
**Kigali -Rwanda**

*"Pour un Etat de Droit, la Democratie et l'Egalité de chances" ; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"*

# RAPORO Y'IBYAKOZWE kU WA 10 GASHYANTARE 2010

1. Uyu munsi umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi, Madame Victoire Ingabire Umuhoza mu gitondo saa tatu yakiriwe n' abahagarariye ibihugu by' ishyize hamwe byi Burayi ( UNION EUROPEENE). Baganiriye ku bibazo bya politiki biri mu gihugu, n' uruhare UE yazagira kugira ngo amahame ya demokarasi ashimangirwe mu Rwanda. Baganiriye no ku bibazo FDU-Inkingi zikomeje kugira kuva zagera mu gihugu. Uhagarariye UE yanasobanuriye umuyobozi wa FDU-Inkingi ku bijyanye n'inyandiko yari yasohotse mu binyamakuru asa naho yamaganaga umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi. Mu bisobanuro yatanze yavuze ko yabwiye abanyamakuru ko abanyepolitiki bose bo mu Rwanda nta n'umwe ufite inyungu ko ibintu bigenda nabi cyangwa ngo habe akaduruvayo, ko byaba byiza abantu bakoze mu bw'ubahane bagashaka icyateza imbere igihugu.

2. Saa yine, umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi yitabye kuri ku biro bya polisi bishinzwe kugenza ibyaba CID ( Criminal Investigation Department) ku Kacyiru. Yari aherekejwe n' abanyamakuru benshi, n'umuyobozi mukuru w'ishyaka Green Party n'umwe mu bo bakorana. Mme Victoire Ingabire Umuhoza akaba akomeje gushimira bagenzi be bo mu ishyaka Green Party uko bakomeje kuba hafi abo muri FDU-Inkingi muri ibi bizazane byose bari guhura nabyo.

Madame Victoire Ingabire Umuhoza n'umwunganira mu by'amategeko ( avocat), nibo bonyine binjiye mu biro bya OPJ. Abandi basabwe gusubira hanze ndetse byanageze naho babasaba gusohoka mu kigo cya police. Ibazwa ryarangiye saa munani n'igice. Madame Victoire Ingabire Umuhoza asubira iwe mu rugo. Nyuma yavuganye n' abanyamakuru banyuranye bifuzaga kumenya ibyaha ashinjwa n'ukuntu ibazwa ryagenze. Yababwiye ko ibazwa ryakozwe mu bwubahane.



**Ibiro by’umuyobozi wa FDU INKINGI**
**KIGALI.**